**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE**

**B P:** **898, Kigali**
**Tel:** **+250 252575813**
**E-mail:** info@meteorwanda.gov.rw
**Website:www.meteorwanda.gov.rw**

Rwanda Meteorology Agency

## ITEGANYAGIHE N°52 RY'IMPESHYI (KAMENA- KANAMA) 2019


Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko impeshyi ya 2019 izarangwa n'ibihe bisanzwe by'izuba. Imvura nke iteganyijwe muri Kamena ariko ikazajya inyuzamo ikagwa rimwe na rimwe mu yandi mezi abiri asigaye (Nyakanga na Kanama) cyane cyane mu bice by'imisozi miremire n'ahegereye ishyamba rya Nyungwe.

**IMVURA ITEGANIJWE MURI IYI MPESHYI:**

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 150 iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba no mu turere twa Burera na Musanze two mu ntara y'Amajyaruguru ndetse n'igice gito cy'Akarere ka Nyamagabe ko mu ntara y'Amajyepfo ahegereye ishyamba rya Nyungwe.

Imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 100 iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, mu ntara y'Amajyepfo ndetse no mu turere twa Gicumbi, Rulindo na Gakenke two mu ntara y'Amajyaruguru.


**IKARITA YEREKANA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MU MPESHYI 2019**





**Ikarita 1: Imvura iteganyijwe mu Mpeshyi 2019**

Muri rusange ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe muri iyi mpeshyi buri hagati ya Dogere Selisiyusi 22 na 30 mu masaha y'igicamunsi naho ubushyuhe bwo hasi buteganyijwe buri hagati ya Dogere Selisiyusi 8 na 18 mu masaha ya mu gitondo.

Intara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali ndetse n'amajyepfo y'iburengerazuba y'akarere ka Rusizi niho hateganyijwe kuzashyuha kurusha ahandi mu mpeshyi naho akarere ka Burera, Musanze na Nyabihu akaba aritwo turere duteganyijwe kuzagira igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru kiri hasi kurusha ahandi.




**Ikarita 2: Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru giteganyijwe**




**Ikarita 3: Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi giteganyijwe**

Meteo Rwanda ishingiye kuri iri teganyagihe ry'impeshyi 2019, irashishikariza abakora imirimo y'ubuhinzi guhitamo ibihingwa bijyanye n'igihembwe cy'ihinga C bibanda ahari ibishanga no gukoresha uburyo bwo kuvomerera imyaka aho bishoboka. Abahinzi kandi barashishikarizwa kwifashisha iri teganyagihe mu bikorwa by'isarura, gufata neza umusaruro no kuwuhunika. Aborozi bo barashishikarizwa kuryifashisha bategura igihe cyo gutera umuti amatungo, kuhira ndetse rikifashishwa no mu guhunika ubwatsi.

Kubera ko amazi ashobora kugabanuka muri iki gihe cy'impeshyi, Meteo Rwanda irasaba inzego zose bireba gufata ingamba zo gufata neza amazi hirindwa ingaruka zishobora guterwa n'ibura ryayo.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Uwakenera ibindi bisobanuro yakwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere cyangwa agahamagara ku murongo utishyurwa 6080.

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**